Kigali on, 18/06/2020
Ref. N°: DIS/ 1204 /RwandaFDA/2020

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
**P.O. Box 84 Kigali**
**info@rwandafda.gov.rw**
**www.rwandafda.gov.rw**

**Abaranguza Inzoga (Bose)**
**Abadandaza inzoga (Bose)**
**Abaturarwanda**

Bwana/Madamu

**Impamvu**: Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa icyinyobwa cyitwa **FRESH TANGAWIZE yanditseho (Icyayi gikonje gishyushya umubiri)** ifunze mu icupa rya pulasitike.

Hashingiwe ku itegeko No 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA) cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 igika cya 13. Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti (Rwanda FDA) gihereye kubugenzuzi cyakozwe aho ikinyobwa cyavuzwe haruguru gikorwa n'uruganda rutabifitiye uburenganzira,ndetse muburyo butujuje ubuziranenge. Muri iryo genzura uruganda rwarafunzwe nibinyobwa biramenwa, Rwanda FDA ihagaritse ikwirakwizwa, igurishwa ndetse no kunywa icyo cyinyobwa cyavuzwe haruguru.

| AMAZINA Y'ICYINYOBWA | IZINA RY'URUGANDA |
|---|---|
| FRESH TANGAWIZE<br>(Icyayi gikonje gishyushya umubiri)<br><br>(Ifunze mu icupa rya pulasitike) | HABATABI COMPANY Ltd |

**Icyo dusaba gukora**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti (Rwanda FDA) kirasaba:

1. Abagurishaga (abadandazaga) icyo cyinyobwa cyavuzwe hejuru, haba mu tubari no mu ma butike guhagarika kugicuruza; kubafite ibyo binyobwa basabwe kubisubiza aho baranguriye,
2. Abaranguzaga icyo cyinyobwa cyavuzwe hejuru bose basabwe kwakira ibyo bagaruriwe bakabigeza ku ruganda ndetse no guha Rwanda FDA raporo y' ibyo baranguye n'ibyo basubije,
3. Abaturarwanda bose kutongera kunywa icyo cyinyobwa gipfunyitse macupa ya pulasitike.

**Icyitonderwa**: Ku bindi bisobanuro ndetse no kuduha amakuru mwahamagara kuri 0789 19 35 29

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

**Dr. Charles KARANGWA**
**Ag. Director General**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority






RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority